# 379: Umutim' ukomerekejwe

1. Umutim' ukomerekejwe,Utari womorwa, Ikiganza cyatobowe Ni cyo cyawomora.

2. iy' umutim' uremerewe,Hatemb' amarira, Har' umutim' umwe musa Wawuhumuriza.

3. Umuns iy' ababajwe cyane N'icyaha yakoze, Isok' imwe y'amaraso Yamwoz' akera de !

4. Ayo maraso n' aya Yesu;Cya kiganza n' icye; Wa mutima w'imbabazi Na wo n' uwa Yesu.

5. Utwerek' ibyo. biganza bye Byatobowe, Mana; Duhungir' ibyaha byacu Mur'izo nkovu ze !

Visit us at indirimbo.com